**Le document ci-après reprend les décisions du conseil des ministres tenu à Kigali le 30 septembre 2005. Ces décisions concernent notamment de nouvelles nominations de militaires ainsi que des modifications des barèmes de salaires des agents de l'Etat.**

**INAMA Y'ABAMINISITIRI YEMEJE UMUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2006, ITANGA IBITEKEREZO BYO KONGERAMO.**

***YEMEJE IMBONERAHAMWE Y'IMISHAHARA MISHYA YO MU BUTEGETSI BWITE BWA LETA, IZATANGIRA GUKURIKIZWA MU MWAKA UTAHA WA 2006.***

**NTA WANDUSHA KUMENYA UKO IYO MISHAHARA MISHYA IZABA ITEYE ? IZIYONGERA KU RUHE RUGERO ? NIYAMBAJE OLIVIER NDUHUNGIREHE N'UNDI WESE WAMENYA AYO MAKURU. MERCI D'AVANCE !**

## ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI IDASANZWE YO KU ITARIKI YA 30 NZERI 2005

---

Kuwa gatanu tariki ya 30 N zeri 2005, Inama y'Abaminisitiri Idasanzwe yateraniye muri Village Urugwiro, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika: Paul KAGAME.

Imaze kwemeza gahunda y'inama, Inama y'Abaminisitiri yafashe ibyemezo bikurikira:

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri byo ku matariki ya 24/08/2005 na 07/09/2005 imaze kubikorera ubugororangingo.

2. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka wa 2006, itanga ibitekerezo byo kongeramo.

Yemeje imbonerahamwe y'imishahara mishya yo mu Butegetsi Bwite bwa Leta, izatangira gukurikizwa mu mwaka utaha wa 2006.

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje :

a) Umushinga wo gutara, gukusanya, gutunganya, kubika no gukwirakwiza amakuru mu Nkiko Gacaca mu buryo bw'amajwi n'amashusho;

b) Umushinga w'itegeko rishyiraho Ishuri Rikuru ryo Kwigisha no Guteza Imbere Amategeko/Institute of Legal Practice and Law Development/Institut de Développement et de Pratique du Droit ;

c) Amasezerano hagati ya Guverinoma y'u Rwanda n'Umuryango w'Abibumbye ku byerekeye kurangiriza mu Rwanda ibihano by'abakatiwe n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha ku Rwanda;

d) Umushinga w'itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Inama Nkuru Nyarwanda y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza;

e) Iteka rya Minisitiri rishyiraho igihe cyo kwimenyereza umwuga w'ubuvuzi (internship/internat médical);

f) Raporo y'ibirimo gukorwa n'ibyakozwe mu guteza imbere umurimo w'urubyiruko mu Rwanda mbere y'uko woherezwa mu Muryango w'Abibumbye;

g) Gahunda y'Igihugu yo kuvugurura igihingwa cy'Urutoke;

h) Inyandiko ijyanye no kwegurira abikorera ku giti cyabo imirima y'icyayi cya Nshili-Kivu.

4. Inama y'Abaminisitiri yemeje :

- Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abashinjacyaha ba Gisirikare, aribo :

a) Capt SESONGA Jason ;

b) Capt RUHORAHOZA Jean Paul ;

c) Lt MUBIRIGI Fidèle ;

d) Lt RUYONZA Denis ;

e) Lt KARARA Innocent ;

f) WOI KAYIRANGA Cyrille ;

g) S/Sgt MUJYANAMA Martin ;

h) S/Sgt MUHAWENAYO M. Casimir ;

i) S/Sgt RUKARA Dieudonné;

j) CPL MVUYEKURE Théoneste.

- Iteka rya Minisitiri rishyiraho Abanditsi b'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, aribo:

a) Umwanditsi Mukuru w'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, Sergent Major RUTAYISIRE Jean de Dieu;

b) Abanditsi b'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare:

Sgt NYIRIGIRA Jean de Dieu;

Sgt NYANDWI Théophile ;

Sgt GATETE Silas.

- Iteka rya Minisitiri rishyiraho Abagenzacyaha ba Gisirikare, aribo:

a) WOI RUGAMBA Jacques;

b) S/Sgt BIGIRIMANA Emmanuel ;

c) S/Sgt RWAKIRENGA Eugène;

d) S/Sgt RURANGIRWA Charles;

e) S/Sgt RUGAHABAYI Egide;

f) S/Sgt MANIRAGUHA Jean Bosco;

g) S/Sgt KABENDE Elias;

h) S/Sgt NDAYISABA Vincent;

i) CPL NTIRENGANYA Jean Baptiste;

j) CPL SEBAHUYE Jérôme;

k) CPL MPENDANZWI Jean Paul;

l) CPL HITIMANA Noël ;

m) CPL MUSAFIRI Michel;

n) CPL NGARAMBE Liévin;

o) CPL NDIZEYE Johnson.

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje :

- Iteka rya Perezida riha Abakandida Ofisiye 523 ipeti rya Su-Liyetona ;

- Iteka rya Minisitiri w'Intebe rizamura mu ntera Aba Su-Liyetona 523 ku ntera ya Liyetona

6. Inama y'Abaminisitiri yashyizeho abagize Inama z'Ubutegetsi mu bigo bikurikira:

**ISAE BUSOGO** :

a) Dr. KALIBATA Agnès, perezida ;

b) Prof. KALISA MBANDA ;

c) Dr. RUKERIBUGA Joseph ;

d) NIYONGABO Damien ;

e) GAHIMA Charles ;

f) SENDEGE Norbert ;

g) KAYIRANGA Calvin.

**KIBUYE POWER ONE**:

Abahagarariye Guverinoma:

a) TURATSINZE Théogène ;

b) MILENGE John.

**OCIR-CAFE :**

a) RWAMUCYO Ernest, perezida ;

b) MUKAMISHA Bernadette ;

c) HABIMANA François ;

d) MUHONGAYIRE Martine;

e) MBUNDU Faustin;

f) HATARI SEKOKO;

g) BATETA Claudette;

h) KAYONGA Jacques.

**ORTPN :**

BIRORI Joseph;

MUVUNYI Fred,we yagizwe « Commissaire aux comptes ».

7. Inama y'Abaminisitiri yashyizeho :

- Umuyobozi Wungirije (Vice Recteur) ushinzwe Amasomo muri KIST : Prof. Pamela ABBOTT.

- Umugenzuzi Mukuru Wungirije w'imari ya Leta : Obadiah R.Biraro

- Kontabure Mukuru :Gatabazi Emmanuel

8. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko :

- GASANA Ismail Janvier, aba Umunyamabanga Wihariye w'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye muri MINEDUC ;

- MUKAKA Alice, aba Umunyamabanga Wihariye wa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo.

9. Mu bindi:

a) Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri iby'urugendo avuyemo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Nama Rusange ya 60 y'Umuryango w'Abibumbye.

Yanasuye zimwe muri za Kaminuza zo muri icyo gihugu aho bashimye u Rwanda kubera isura nziza rufite n'intambwe rumaze gutera mu majyambere.

Inama y'Abaminisitiri yaboneyeho gusaba Abanyarwanda gukora ibishoboka byose kugira ngo u Rwanda rukomeze rutere imbere.

b) Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 14/10/2005 u Rwanda ruzizihiza Umunsi w'Ibiribwa ku Isi/Journée Mondiale de l'Alimentation/World Food Day, uzahurirana uyu mwaka n'Isabukuru ry'imyaka 60 Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buhinzi n'Ibiribwa ku isi (FAO). Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ni : « Ubuhinzi mu Rusobe rw'Imico ».

c) Minisitiri w'Ibikorwa Remezo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 3/10/2005, ari Umunsi Mpuzamahanga w'Imiturire. Uzizihirizwa mu Mujyi wa Gisenyi.

d) Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza Imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko kuva ku itariki ya 4 kugeza kuya 7/10/2005, i Kigali hazateranira Kongere Nyafurika y'Amakoperative yo kugurizanya no kuzigama, izahuza ibihugu 14 bya Afurika, harimo n'u Rwanda.

e) Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri iby'inama avuyemo ya IMF/FMI na Banki y'Isi/Banque Mondiale/World Bank.

f) Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri iby'urugendo avuyemo muri Nigeria mu nama yigaga ibyo kurwanya ibiyobyabwenge.

g) Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko muri uku kwezi k'Ukwakira 2005, RFI izatangira gukorera ku muyoboro wa FM mu Rwanda.

Yayimenyesheje kandi ko mu ntangiriro z'Ukwakira 2005 Deutsche Welle izizihiza imyaka 40 imaze igize amasezerano y'ubufatanye na ORINFOR.

h) Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage muri MINALOC yagejeje ku Nama y'Abaminisitiri raporo y'aho imyiteguro y'ishyirwa mu bikorwa bya Gahunda yo Kuvugurura Inzego z'Ubutegetsi bw'Igihugu igeze.

Yayimenyesheje kandi ko kuri iyi tariki ya 1 Ukwakira 2005 ari Umunsi Mpuzamahanga w'abasheshe akanguhe.

i) Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Kurwanya Sida n'Izindi Ndwara z'Ibyorezo muri Minisiteri y'Ubuzima yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko muri Global Fund u Rwanda rwatsindiye impano (grant) ebyiri zo kurwanya icyorezo cya Sida na malariya.

Kigali, kuwa 30/09/2005

Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru

**Prof. NKUSI Laurent**